Updated September 2026 - “Kinyarwanda”

Menya uburenganzira bwawe: Impinduka muri Medicaid n'igihe zizatangirira

Medicaid: Ni iki gihinduka, kandi ryari?

Amategeko mashya agenga Medicaid azatangira guhinduka mu mwaka wa 2026 no mu wa 2027.

Dore ibyo ugomba kumenya n’ibyo ukwiriye kwitegura.



GUHERA KU WA 1 UKWAKIRA 2026

IMPINDUKA KU BIMUKIRA BEMEREWE KUBONA MEDICAID:

Bamwe mu bimukira bari bafite uburenganzira bwo kubona Medicaid, nubwo bari barinjiye cyangwa batuye muri Amerika mu buryo bwemewe n’amategeko, bashobora kutazongera kubona ubwishingizi busanzwe bwa Medicaid. Muri bo harimo:

- **Impunzi (Refugees).**
- **Abahawe ubuhungiro muri Amerika (Asylees).**
- **Abacitse ku icumu ry’ihohoterwa rikorerwa mu rugo cyangwa icuruzwa ry’abantu.**
- **Abahawe uruhushya rwo kuba muri Amerika by’agateganyo kubera impamvu z’ubutabazi (Humanitarian parolees).**
- **N’abandi.**

Urwego rushinzwe ubuzima muri New Mexico (New Mexico Health Care Authority, HCA) rurimo gutegura gahunda y'ubwishingizi ku bantu bazagerwaho n'izi mpinduka. HCA izabohereza ubutumwa kuri telefoni (SMS) cg mu iposita, ibamenyesha uburyo mushobora kwiyandikisha muri BeWell, isoko ry'ubwishingizi bw'ubuzima muri New Mexico.

ABAZAKOMEZA KWEMERERWA KUBONA MEDICAID, NI ABA:

- **Abafite ikarita y'uburenganzira bwo gutura burundu muri Amerika (Green Card), hakurikijwe igihe cy'imyaka 5 cyo gutegereza.**
- **Abagore batwite batujuje ibisabwa bimwe na bimwe ariko bemerewe muri gahunda ya CHIPRA 214**
- **Abimukira baturutse muri Cuba cyangwa Haiti bemerewe kwinjira muri Amerika mu cyiciro cyihariye.**
- **Abimukira baturuka mu bihugu byo mu masezerano ya COFA.**
- **Abana batuye muri Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko.**

GUHERA KU YA 1 MUTARAMA 2027:

Kongera gusaba gukomeza kubona Medicaid (Renewals): Abantu benshi bakuru bafite imyaka iri hagati ya 19 na 64 bazajya bongera gusaba gukomeza kubona Medicaid buri mezi 6 aho kuba buri mezi 12.

- Abanyamerika kavukire (Native Americans) n'abandi bagenerwabikorwa bamwe na bamwe ba Medicaid ntibarebwa n'izi mpinduka.

Kwishyurirwa serivisi z'ubuvuzi zabonetse mbere yo gusaba (Retroactive Coverage): Ubusanzwe, umuntu wasabaga Medicaid yashoboraga kwishyurirwa amafaranga y'ubuvuzi yagombaga kwishyurwa mu mezi 3 abanziriza itariki yasabiyeho. Iri tegeko rirahinduka:

- **Abantu bakuru bafite imyaka 19–64:** bazemererwa kwishyurirwa ukwezi kumwe gusa mbere yo gusaba.
- **Abandi bose, harimo abana n'abagore batwite:** bazemererwa kwishyurirwa amezi 2 mbere yo gusaba.

Ibisabwa bijyanye n'akazi cyangwa ibindi bikorwa (Work Reporting Requirements): Abantu benshi bakuru bafite imyaka iri hagati ya 19 na 64 bazasabwa gutanga amakuru agaragaza ko bakora amasaha 80 buri kwezi mu bikorwa byemewe, birimo akazi, ishuri, amahugurwa, gukorera abaturage ku bushake (community service).

- Hari abantu benshi bashobora gusonerwa. Soma inyandiko isobanura ibisabwa kugira ngo umenye byinshi.Niba utekereza ko wemerewe gusonerwa, menyesha Urwego rushinzwe ubuzima muri New Mexico (HCA).

Uwifuza kumenye byinshi kuri izi mpinduka, uburenganzira bwawe mu bijyanye n'ubuvuzi, n'ubufasha ushobora kubona, sura: nmtogether4health.org

Ufite ibibazo? Hamagara 505-255-2840 cyangwa usure nanone nmtogether4health.org yi nyandiko yateguwe ku bufatanye n'Ikigo cya New Mexico gishinzwe amategeko n'ubukene (New Mexico Center on Law and Poverty).